*Ukwakira 2024* *ikinyarwanda*

# Ba umuntu ufatika!

---

**Icyo ababwira mugikore!** (Yoh 2,5)

**Kontakt:** Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Nshuti bakunzi ba go4peace,

„Oh, mbega ukuntu ari byiza kuba wahamagaye! Mbega ukuntu ari byiza kuba waje kundeba!“ Nyamara cyari igitekerezo gisanzwe mu mutima wawe cyo guhamagara cyangwa kuza kunsura. Ariko wabikoze ukurikiye ijwi rituje ryakuvugiragamo. Nyuma wumvise ko icyo wakoze cyari gikwiye! Mbega ukuntu ari byiza, kuba nabikoze!

Muri ubwo buryo bufatika ni na ko Mariya yabayeho ubuzima bwe bwose. Igihe kimwe Bikiramariya n'Umuhungu we bari batumiwe mu bukwe, ni uko Divayi igira itya irashira. Byari iterasoni ku bageni. Mariya yari azi neza ko Umuhungu we Yezu yashoboraga gufasha. Ni ko kubwira abaherezaga mu bukwe ati: „Icyo ababwira cyose mugikore!“ (Yoh 2,5) Ubwo Yezu yabwiraga abaherezaga kuzuza amazi intango zari aho, barabikoze. Ni uko Amazi ahinduka Divayi, biba ibyishimo ku bari aho bose.

Ni kenshi ubuzima bukomanga ku muryango wacu. Hari igihe igitekerezo, inyigisho cyangwa ijambo bidukora ku mutima. Twizere ayo majwi atuje y'ubuzima, kandi dutinyuke dutere intambwe ituganisha ku byo ayo majwi aduhamagarira.

Mu munsi mukuru wa Mutagatifu Libori mu mugi wa Paderborn, natwe twari twabukereye turi mu ihema ryacu ry'umuryango wa go4peace. Twakiriye abantu benshi bazaga gusura ibikorwa byacu, uwahanyuraga wese tukamuha impano y'ikaramu yanditseho amahoro. Indoro yanjye yaguye ku mwana w'umukobwa. Yari yicaye wenyine ku ibuye ryari aho, arimo kurya ifiriti. Mwenyura naramwegereye muha ikaramu ndamubwira nti: „Iyo umuntu arimo kurya ifiriti, haza buri gihe ibitekerezo by'amahoro. Akira iyi karamu ni iyawe. Niba ubishaka, ushobora kwandika kuri seriviyeti ufite mu ntoki, ibitekerezo by'amahoro bikuzamo.“ Aseka yakiriye ya karamu. Nyuma y'akanya gato yaraje anzanira ya seriviyete ye amwenyura. Yari yanditseho ngo: „Amahoro asobanuye ko nshobora kurya ifiriti yanjye, nkaba mfite ibyo kurya bihagije, ko nshobora kurya ifiriti yanjye nta bwoba mfite, no kuba nzi ko mfite aho ntaha, aho nshobora kwitekera ifiriti uko nshaka. Gusa amahoro ni ikindi kirenze ifiriti. Amahoro ni ikintu cy'ingenzi kurusha ibindi, ndashima ko ayo mahoro nshobora kuyabamo!“ - **Ba umuntu ufatika!**

Ku bw'itsinda go4peace Meinolf Wacker